

# Bibiliya y'abana irerekana



Yesu  
ahitamo  
Intumwa  
cumi n'ebyiri



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

Alastair Paterson

yasohowe na: Bible for Children

[www.M1914.org](http://www.M1914.org)

©2020 Bible for Children, Inc.

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi  
nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.



# Yesu yakoze ibintu byiza.



yakijije abarwayi, yatanze amahoro  
ku bari bayabuze mu mitima no mu  
bitekerezo, Yigishije ijambo  
ry'Imana.



Abantu benshi basanze Yesu ngo  
abakize kandi abafashe.



Yiyemeza guhitamO abagabo cumi  
na babiri muri benshi ...



... bamukurikiraga ubudahemuka,  
kugira ngo bamufashe mu murimo  
w'Imana.



Niba ufite amahitamo  
akomeye, ubanza  
gusenga Imana?  
Yesu yarabikoze!



kuri wa musozi  
Yesu yaganiriye  
na se wo mu  
ijuru. Yesu  
yarasenze  
kugeza izuba  
rirenze.





A man with long dark hair and a beard, wearing simple white robes, is kneeling on a green grassy hillside. He is looking up at a large, bright white circle representing the moon or sun, which is surrounded by numerous small yellow stars of varying sizes. The background is a dark purple night sky. In the bottom right corner, there is a small red heart icon.

Yesu yasenze  
akesha ijoro  
ryose.


Mu gitondo, Yesu yahamagaye  
abigishwa be n'inshuti  
ndetse n'abamwubahaga  
bose.




Muri bo atoranya cumi na babiri  
kuba abafasha cyangwa  
intumwa.



Abambere babiri yahisemo ni Simoni  
Petero na mwene se Andereya.



Baretse umurimo wabo wo kuroba  
amafi ubwo Yesu yabahamagaraga  
ngo bamukurikire.




Yakobo na Yohana  
bene Zebedeyo nabo  
basize inshundura  
zabo.



Yesu yahisemo kandi Filipo  
Barutolomayo, Matayo, Tomasi,  
Simoni witwa Zelote  
yakobo mwene  
Alufayo, ...



... Yuda mwene se wa Yakobo  
na Yuda Isikariyota  
wahindutse  
umugambanyi  
wa Yesu.




Yesu ababwira ko gukora ibyo arimo  
abasaba ni ngo kubaka inzu ku  
rutare. Umuyaga  
w'inkubiri  
ntuzigera



usenya iyo nzu.



Ariko kutubaha ijambo rya Yesu ni  
ngo kubakira ku musenyi. Iyo  
umuyaga w'inkubiri uhushye inzu  
iragwa.



Amwe mu mategeko  
ya Yesu ntabwo  
yoroshye.



"Umuntu nagukubita umusaya  
wawe w'iburyo,  
uzamuhereze  
n'uwigumoso," ...



... arigisha "Mukunde  
n'abanzi banyu" Abantu  
bakeneye ubufasha  
bw'Imana ngo  
babeho  
nka  
Yesu.



Yesu abwiraabantu ngo ni basenga  
bajye biherera batagiye aherenga  
nk'uko bamwe mu  
bayobozi babikoraga.



Yesu aravuga ati  
Imana izagaburira  
kandi izambika  
abamwizera.



Imana igaburira  
inyoni igaha  
amabara meza  
indabyo n'amababi, ...




... abantu  
be bagomba  
kumwiringira  
ku byo bifuza.



Yesu yigishije intumwa ze nshya ibintu byinshi uwo munsi. Arangije umurwayi w'ibibembe araza asaba Yesu ngo amukize.




Yesu asubiza umurwayi w'ibibembe  
ati: "Ndabikora." kira.  
mugihe intumwa  
zabirebaga,  
umunyabibembe  
araterana  
aruzura.



Ahita akira. Ntawundi wabikora  
keretse Umwana w'Imana.

Intumwa zimenya  
ko zifite  
umwarimu  
mwiza.



Yesu ahitamo Intumwa cumi n'ebyiri  
inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 4-7, Mariko 1, Luka 6

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana  
umucyo." Zaburi 119:130





Iherezo



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu  
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita  
icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko  
Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje  
umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku  
musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro  
byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu  
rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi  
ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe,  
azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi  
uzabana nawe ubuzira herezo.



Niba ushaka kuva mu  
byaha byawe, bwira Imana uti:  
Ku nshuti yanje Mana, Nizera ko Yesu  
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari  
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima  
bwanjye, mbabarira ibyaha byanje, kugira  
ngo none aha mbashe kubona ubuzima  
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana  
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira  
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.

Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana  
buri munsi! Yohani 3:16

